## INSHUSHO RUSANGE Y’UBUHINZI N'UMUTUNGO KAMERE.

Ishami ry’Ubuhinzi rifite ibikorwa bifite aho bihuriye n'ubuzima bw'abaturage b'Akarere ka Gakenke kuko ibikorwa bafite bifite aho bishamikiye n'Iterambere ry'abaturage, ndetse n'imibereho yabo.

Mu rwego rw’ubuhinzi hashyizwe ingufu mu kongera umusaruro w’ubuhinzi mu bwinshi n’umubwiza binyuze muri gahunda y’Imbaturabukungu ku bihingwa ngandurarugo (Food crops) no kubihingwa ngenga bukungu (Cash crops) byatoranyijwe hahuzwa ubutaka, hakoreshwa inyongeramusaruro, harwanywa isuri no kubungabunga ibidukikije. . Guhuza ubutaka bikorwa hashyingiwe ku bihingwa byatoranyijwe byera mu Karere ka Gakenke bigizwe n’ibigori, ibishyimbo, ingano n’Imyumbati (ibihingwa ngandurarugo), Kawa n’Inanasi (Ibihingwa ngenga bukungu).

## ISHAMI RY’UBUHINZI N‘UMUTUNGO KAMERE RIGIZWE NA SERIVISE ZIKURIKIRA.

### 1. Serivise y'ubuhinzi

Mu Karere ka Gakenke ubuhinzi bukorwa n'abaturage bahwanye na 80%.

Akarere ka Gakenke kagizwe n’imisozi miremire. Mu karere ka Gakenke higanje ibihingwa Ngandurarugo aribyo : Ibigori,ibishyimbo,inyumbati,ingano,ibirayi,ibijumba,umuceri ndetse n’imyumbati, gafite kandi n’ibihingwa ngengabukungu aribyo Ikawa, Jeranium, uhasanga kandi imboga n’imbuto byose bifasha mu mibereho y’abaturage bagatuye ndetse bagasagurira n’amasoko.

Mu Karere ka Gakenke kandi mu rwego rwo kwagura ibihingwa ngengabukungu hatangiye kugeragezwa igihingwa cya Pome ( Apple) na Watermelon aho mu minsi iri mbere ibi bihingwa bizaba bifata iyambere mu gutezimbere abahinzi bo mu Karere ka Gakenke. Ibyo bihingwa bigenda bigarukwaho mu mihigo y'Akarere kandi usanga hari urwego bimaze kugezaho abaturage mu guteza imbere imibereho yabo.

**Ibihingwa byatoranyijwe mu mwaka w'ingengo y'imari 2020-2021 n’i bihingwa byatoranyijwe bihingwa ku buso bunini bw'ubutaka buhujwe**.

Umusaruro uvuye mu mirima igice kimwe kibikwa mu buhunikiro bw'imyaka aho bayisubizwa mu gihe cy'ihinga indi ikagurishwa ku isoko ryemewe mu rwego rwo kuzamura ubukungu bw’abahinzi ba Gakenke.  Hirindwa kutotsa imyaka bayigurisha mu gihe kidakwiriye no ku giciro cyo hisi.

Umusaruro w'ibigori ugezwa mu nganda zitunganya ifu ya kawunga aho umuturage ashobora gushesha umusaruro w'ibigori yejejeje agakemura ikibazo cy'inzara mu muryango we cyangwa akajyana umusaruro ku ruganda rutunganya kawunga akagurisha umusaruro w'ibigori.

Mu rwego rwo gufata neza umusaruro w'ibigori hatunganyijwe ubwanikiro bw'ibigori byahinzwe ku butaka buhujwe aho umusaruro ugurishwa mu nganda umeze neza hirindwa kwangizwa n’uruhumbu ( Aflatoxin).

## 2. SERIVISE Y'UBWOROZI

Akarere ka Gakenke ni Akarere kabereye ubworozi  bw'amatungo maremare ndetse n'amatungo magufi. Mu karere ka Gakenke hari kandi n'ubworozi bw'amafi.

### Ubworozi bw'inka

Gahunda ya Girinka Munyarwanda ni Gahunda ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y’u Rwanda **Paul Kagame** yashizeho mu rwego rwo gufasha Abanyarwanda kugira imibereho myiza, aho nibura buri rugo rutunga Inka irwunganira mu buzima bw'Imibereho haba ku mirire myiza banywa amata ndetse no kubona amafaranga mu gihe baba bayagurishije, cyangwa bagurishije ibindi bikomoko ku nka, yaba ibyo yabyaye, ndetse n'ifumbire.

Iyi gahunda inyura muri porogarame zitandukanye haba inka zitangwa na Leta y'u Rwanda, inka zitanga n'ibigo bitandukanye bikorera mu Gihugu, ndetse nizo abaturage bagenda biturana bitewe nuko izo bahawe zigenda zibyara. Hari kandi nizo abaturage boroye ku giti cyabo nk’aborozi babigize umwuga.

**Ubworozi bw'amatungo magufi**

Mu Karere ka Gakenke higanje ubworozi bw'amatungo magufi (ingurube, inkoko, ihene, intama ndetse n'inkwavu) ku buryo usanga hafi buri muryango woroye nibura amwe muri aya matungo.
Aya matungo magufi aturuka ku miryango yorora kinyamwuga ,aho usanga hari abafite umubare munini w'ingurube cyangwa inkoko kubera ko ariyo bisinesi yabo ya buri munsi;
Ariko hari n'aboroye ayo matungo maufi binyuze mu baterankunga n'abafatanyabikorwa b'Akarere kacu.
Ibi bifasha mu kurwanya imirire mibi mu baturage ndetse no kubona amafaranga yo gukemuza ibindi bibazo binyuze mu kurya ibikomoka kuri aya matungo ndetse no kugurisha umusaruro uyakomokaho.

**Ubworozi bw'amafi**

Ubworozi bw'amafi mu Karere ka Gakenke nabwo burakorwa mu Mirenge imwe n'imwe nka Rushashi,Muyongwe, Gakenke, Janja na Gashenyi.
Hari ibyuzi byinshi byari byarashyizweho nyuma biza kwangizwa n'ibiza kuburyo byagabanyije umusaruro w'amafi wabonekaga, ubu birimo gusanwa harebwa uko byakongera gukora.

## 3. SERIVISE Y'AMASHYAMBA N'UMUTUNGO KAMERE NDETSE N'IBIDUKIKIJE.

Akarere ka Gakenke ni kamwe mu turere dufite amashyamba hari ubuso buteyeho ibiti bivangwa n'imyaka n'ibiti bisanzwe, cyane cyane ku misozi ihanamye no ku nkengero z'imihanda n'imigezi, naho ibiti bivangwa n'imyaka byatewe mu mirima y'abaturage no ku mirwanya suri harimo n'amaterasi y'indinganire nayikora.

### 1. Amashyamba y'amaterano

Mu Karere ka Gakenke hagaragara amashyamba menshi y'amateramo aho umukozi w'Akarere ka Gakenke ushinzwe amashyamba akurikirana imiterere ndetse n'imicungire yayo, muriyo hagaragaramo amashyamba ya Leta angana na hegitari 1501.7, ay'Akarere angana na hegitari 582.45, ay'abaturage angana na hegitari 10,631.77 n'ayibigo binyuranye angana na hegitari 96.14.

**2. Amashyamba agizwe n'ibiti bivangwa n'imyaka mu mirima**

Kuva mu mwaka wa 2011, mu Karere ka Gakenke hatangijwe igikorwa cyo gutera ibiti bivangwa n'imyaka mu mirima mu rwego rwo kungera umusaruro w'ibihingwa no gufasha abaturage kubona inkwi zicanwa, ibyatsi by'amatungo n'imihembezo ikoreshwa mu buhinzi bw'ibishyimbo bishingiririwa.

Kugeza mu mwaka wa 2020 hari hamaze guterwa ibiti bivangwa n'imyaka ku buso bungana na hegitari 8,675.10 cyane cyane mu materasi y'indinganire no mu materasi yikora.

**3. Ibiti by'imbuto ziribwa**

Mu rwego rwo kurandura burundu imirire mibi n'igwingira bikunze kugaragara mu bana, Akarere ka Gakenke katangije gahunda yo gutera ibiti 3 by'imbuto ziribwa kuri buri rugo bingana na 12,798, hanaterwa n'ibiti biribwa mu bigo by'amashuri yose abarizwa mu Karere ka Gakenke bigera biti by'imbuto ziribwa 10,823.